



**IGICE CYA 6**

## KUNYURANAHO

### Ingingo:

- Uko wanyuranaho ubikoreye ibumoso
- Uko wanyuranaho ubikoreye iburyo
- Iyo bakunyuzeho
- Amabisi atwara abanyeshuri
- Ibazwa ry'igice cya 6

**Icyitonderwa:** Ibibazo by'isubiramo biboneka gusa mu bice by'aya mabwiriza bivuga ku mategeko y'umuhanda (Ibice kuva ku cya 4 kugeza ku cya 11 ndetse n'ibyapa by'umuhanda)

Amategeko asaba ko dutwarira ikinyabiziga mu gice cy'iburyo bw'umuhanda. Iyo twemerewe kunyura ku bindi binyabiziga, ubusanzwe tubikorera ibumoso. Wemerewe kunyuranaho ubikoreye iburyo mu gihe runaka gusa kandi bigomba gukorwa ari uko gusa ari ngombwa kandi bidateje akaga. Iyo unyuze ku bindi binyabiziga cyangwa ugahinduye igisate kugirango wirinde ibyago, ujye ubikorana amakenga kandi mu gihe ari ngombwa gusa. Ntugomba kurenza umuvuduko ntarengwa kugirango unyure ku kindi kinyabiziga.

Iyo unyuze ku ipikipiki, ibuka guha ipikipiki ubugari bwuzuye bw'igisate cy'umuhanda bungana n'ubwo ibindi binyabiziga byemerewe. Ntuzigere wimukira mu gisate kimwe n'icyo ipikipiki irimo, kabone n'uyo igisate cyaba cyagutse kandi ipikipiki ikaba iri ku ruhande rumwe.

Niba unyuze ku igare, ujye uha umunyonzi umwanya uhagije wo kunyongeramo. Iyo unyuze k'umunyonzi umuturutse inyuma, amategeko agusaba kunyura ibumoso ku ntera idateje akaga kugeza igare uriciyeho.

Amategeko agusaba gukoresha amatara ndangacyerekezo cyangwa ibimenyetso by'amaboko n'ikiganza kugirango werekane ko ushaka guhindura igisate byibura fiti 100 (*metero 30*) mbere y'uko uhindura igisate. Ntugomba kunyura ku kinyabiziga cyahagaze ku nzira y'aho abanyamaguru bambukira kugirango gihe inzira umunyamaguru ugiye kwambuka.

### Uko wanyuranaho ubikoreye ibumoso

Ubusanzwe igisate cy'ibumoso gikoreshwa mu kunyuranaho n'ibindi binyabiziga. Ntushobora kunyura ku kinyabiziga ubikoreye ibumoso niba:

- Igisate cyawe gifite umurongo wo hagati urombereje w'ibara ry'umuhondo.
- Ntushobora gusubira neza mu gisate cy'iburyo mbere y'uko ugera ku murongo wo hagati urombereje w'umuhondo ku gisate cy'iburyo.
- Ntushobora gusubira neza mu gisate cy'iburyo mbere y'uko imodoka iri kuza igusanganira iri muri fiti 200 (*metero 60*) kugirango ikugereho.
- Wegereye ikorosi cyangwa ku gasongero k'umusozi mu muhanda w'ibyerekezo bibiri kandi nturi kureba inyuma yaryo cyangwa imbere yawo.
- Uri muri fiti 100 (*metero 30*) z'umuhanda wa gariyamoshi wambukiranya umuhanda munini w'ibyerekezo bibiri.
- Uri muri fiti 100 (*metero 30*) z'ikiraro, inzira yo muni y'ubutaka cyangwa ikiraro kirekire mu muhanda w'ibyerekezo bibiri kandi nturi kureba neza imbere.

Niba imimerere ikwemerera kunyuranaho, banza urebe mu ndorerwamo zawe kandi utange ikimenyetso ko ugiye guhindura igisate. Mbere yo kujya mu gisate cy'ibumoso, ihutire kurebera hejuru ku rutugu rwawe rw'ibumoso, mu kirahuri cy'idirishya ry'inyuma, kugirango umenye neza ko nta kinyabiziga kikwegereye kiri inyuma yawe mu gisate cy'ibumoso. Ntugashingire ku ndorerwamo zawe mu gihe witegura guhindura igisate. N'indorerwamo zitunganyijwe neza zisiga "igice kitagaragara" ku mpande zombi z'imodoka yawe. Niba imodoka iri mu gice kitagaragara, ushobora kutayibonera mu ndorerwamo zawe. Ihutire buri gihe kurebera hejuru y'urutugu rwawe mbere yo guhindura igisate cyangwa kunyuranaho.

Iyo uri kunyuranaho, jya ujyana imodoka yose mu gisate cy'ibumoso. Mbere yo gusubira mu gisate cy'iburyo, banza ugaragaze ikimenyetso kandi urebere mu ndorerwamo yawe y'imbere mu modoka kandi wizere neza ko ushobora kureba parishoke y'imbere y'imodoka wanyuzeho. Ihutire kurebera hejuru y'urutugu rwawe rw'iburyo kugirango wizere neza ko ushobora kureba byibura igice runaka cy'umuhanda hagati y'imodoka yawe n'imodoka umaze kunyuraho. Hanyuma subira mu gisate cy'iburyo.

## **Uko banyuranaho babikoreye iburyo**

Ushobora bisanzwe kunyura ku bindi binyabiziga ubikoreye ibumoso, imimerere imwe n'imwe ikwemerera kunyuranaho iburyo. Ushobora kunyura ku kinyabiziga ubikoreye iburyo mu mimerere yavuzwe hasi aha gusa no mu gihe gusa wanyuranaho udateje ibyago. Ntushobora gutwarira kuri cyangwa wambukiranya borudire cyangwa umurongo werekana impera y'umuhanda keretse icyapa kibyemera cyangwa mu gihe wabisabwe n'umupolisi ubifitiye ububasha (reba [Igice cya 4 \[2\]](#)). Ushobora kunyuranaho ubikoreye iburyo:

- Iyo imodoka iri imbere ikatiye ibumoso.
- Iyo uri mu muhanda w'ibyerekezo bibiri wagenewe ibisate bibiri cyangwa birengaho cyangwa nanone ufite ubugari buhagije bw'ibisate bibiri cyangwa birengaho muri buri cyerekezo, kandi nta byapa bibuzanya kunyuranaho cyangwa bitabangamiwe n'imodoka ziparitse cyangwa izindi nzitizi.
- Iyo uri mu muhanda w'ibyerekezo bibiri wagenewe ibisate bibiri cyangwa birengaho cyangwa nanone ufite ubugari buhagije bw'ibisate bibiri cyangwa birengaho muri buri cyerekezo, kandi nta byapa bibuzanya kunyuranaho cyangwa bitabangamiwe n'imodoka ziparitse cyangwa izindi nzitizi.

Niba uri kwitegura kunyuranaho ubikoreye iburyo mu ihuri ry'umuhanda, jya ubanza urebe ibinyabiziga biri imbere yawe witonze. Reba neza ko ikinyabiziga kiri kukwegera kititeguye gukata ibumoso mu mwanya wawe, kandi urebe ku ruhande rw'iburyo bw'umuhanda ko hari abanyamaguru, abanyonzi, abagendera mu nkweto zifite amapine ndetse n'abamotari.

Mbere y'uko unyuranaho ubikoreye iburyo ku mihanda y'ibisate byinshi nk'imihanda minini igenzurwa, banza ugenzure indorerwamo zawe, ukoreshe ibimenyetso bikwiriye byo guhindura igisate kandi urebere hejuru y'urutugu rwawe rw'iburyo kugirango urebe ibindi binyabiziga. Nyuma yo kunyuranaho, jya wihutira kurebera hejuru y'urutugu rwawe rw'ibumoso hanyuma werekane ikimenyetso mbere y'uko usubira mu gisate cy'ibumoso.

## Iyo bakunyuzeho

Niba ikindi kinyabiziga kikunyuriyeho ibumoso, gabanya umuvuduko wawe witonze kandi ugume hagati mu gisate cyawe. Niba ikinyabiziga cyamaze kukunyuraho neza kandi kikaba kiri imbere yawe, komereza ku muvuduko wawe usanzwe.

Niba ubonye ko ibinyabiziga byinshi biri kukunyuriraho iburyo, ugomba kujya mu gisate cy'iburyo kandi ukazemerera kukunyuraho zibikoreye ibumoso.

## Bisi z'Ishuri

Iyo bisi y'ishuri yahagaze icyane itara ryayo ritukura rinyasa, ibinyabiziga biyisanga biva mu byerekezo byombi, ndetse n'ibiva imbere y'ikigo cy'ishuri hamwe n'ibiri muri parikingi y'ishuri, bigomba guhagarara mbere y'uko bigera kuri bisi. Ugomba guhagarara byibura muri fiti 20 (*metero 6*) utaragera kuri bisi. Ushobora kumenya iyi bisi binyuriye ku cyapa cyanditseho "BISI Y'IKIGO", amatara atukura aba ari hejuru yayo, hamwe n'itara ryayo ryihariye ry'icunga rihishije.

Mbere y'uko bisi y'ikigo ihagarara kugirango ishyiremo cyangwa ikuremo abagenzi, umushoferi nk'ibisanzwe azacana amatara y'umuhondo amyasa aburira aherereye imbere n'inyuma ya bisi ahagana hejuru. Niba uyabonye, gabanya umuvuduko kandi witegure guhagarara.

Niba uhagaze kubera bisi y'ikigo, ntushobora kongera gutwara kugeza igihe bisi yongeye kugenda cyangwa umushoferi wa bisi cyangwa umupolisi ubifitiye ububasha akwemereye ko ushobora gukomeza. Iri tegeko rikurikizwa mu mihanda yose yo muri Leta ya New York. Ugomba guhagarara kubera bisi y'ishuri n'iyo waba uri mu rundi ruhande mu muhanda munini ugabanyijemo ibisate.

Nyuma yo guhagarara kubera bisi y'ishuri, reba ko hari abana bari iruhande rw'umuhanda. Twara buhoro kugeza igihe ubanyuriyeho.

Inama zagufasha kugira umutekano: Impfu nyinshi no gukomereka bitewe na bisi z'ishuri ziba igihe abana bambutse umuhanda nyuma yo kuva muri bisi bageze aho baviramo, ntabwo ari mu kugongana kw'amabisi y'ishuri.

Wibuke ko imodoka zitwara abantu babana n'ubumuga zifatwa nka bisi z'amashuri kandi ugomba guhagarara nk'uko wabikora kuri bisi z'ishuri.

Amande ucibwa iyo unyuze ku modoka y'ikigo aba ari hagati yo kuva ku madolari y'Amerika 250 kugeza ku madolari y'Amerika 1000 iyo wakoze amakosa atatu mu myaka itatu. Niba uhamwe n'aya makosa atatu mu myaka itatu, uzamburwa uruhushya rwawe rwa burundu mu gihe kingana n'amezi atandatu.

Ba nyir'ikinyabiziga - Itegeko ryatowe mu 2019 1 ryemerera amashuri ya leta n'ayigenga gukoresha kamera zitegeka guhagarara kuri bisi z'ishuri kugirango bahane ba nyir'ibinyabiziga banyura kuri bisi v'ishuri mu gihe bisi v'ishuri vahaqaze ku mpamvu vo akuramo cwanwa aqata abagenzi kandi n'amatara

- Ikosa rya mbere – amande y'Amadolari y'Amerika 250
- Ikosa rya kabiri mu mezi 18 – amande y'Amadolari y'Amerika 275
- Ikosa rya gatatu (cyangwa menshi) mu mezi 18 – amande y'Amadolari y'Amerika 300

## Ibibazo

Mbere yo gukomeza ku gice cya 7, izere neza ko ushobora gusubiza ibi bibazo:

- Ugendeye ku mimerere myinshi, ni uruhe ruhande ushobora kunyuranaho n'indi modoka muri kujya mu cyerekezo kimwe?

- Ni iki wakora mbere yo kunyura ku yindi modoka?
- Ni iki ugomba kureba mu ndorerwamo yawe mbere y'uko ugerageza gusubira mu gisate cy'iburyo nyuma yo kunyura ku kinyabiziga ubikoreye ibumoso?
- Ni iyihe mimerere ishobora gutuma unyura ku kinyabiziga ubikoreye iburyo?
- Ni ryari ushobora kunyura ku kinyabiziga gihagaze aho abanyamaguru bambukira kugirango kireke umunyamaguru yambuke?
- Ni ikihe gikorwa ushobora gukora mu gihe ikinyabiziga kikunyuzeho kibikoreye ibumoso?
- Ni iki amatara y'umuhondo amyasa ari kuri bisi y'ishuri yerekana?
- Ni iki amatara atukura agenda amyasa ari ku modoka y'ikigo yerekana?

**Impera y'igice cya 6:**

✓ Ibazwa ry'igice cya 6 <sup>[1]</sup>

< Igice cya 5 <sup>[3]</sup> | Ingingo <sup>[4]</sup> | Igice cya 7 > <sup>[5]</sup>

---

1. 1. Ushobora kubona igitabo cyose cy'amategeko kuri OWNER LIABILITY FOR FAILURE OF OPERATOR TO STOP FOR A SCHOOL BUS DISPLAYING A RED VISUAL SIGNAL AND STOP-ARM (VTL 1174-A) <sup>[6]</sup>